RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

# ITANGAZO

Kuwa 06 Kanama 2026

Hashingiwe ku Itegeko N° 003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Kugenzura Ibiribwa n'Imiti mu Rwanda (Rwanda FDA), kandi rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9 (2);

Hashingiwe ku bugenzuzi bwakozwe ku iyubahirizwa ry'amabwiriza agenga ubuziranenge;
Hashingiwe kandi ku matangazo yerekeye ifungwa ry'inganda zikora ibinyobwa bisembuye zigaragara ku Migereka (I, II n'uwa III) y'ayo matangazo;

Mu rwego rwo kurengera ubuzima n'umutekano by'abaturage, Rwanda FDA iramenyesha abakora, abatumiza, abageza ku isoko, abacuruza ndetse n'abaturage muri rusange, ko hafashwe ingamba zikurikira kandi zigomba kubahirizwa uhereye igihe iri tangazo risohokeye:

1. Rwanda FDA ifunze inganda zikora ibinyobwa bisembuye ziri ku rutonde ruri ku Mugereka wa IV, kandi ikuyeho impushya zose zari zarahawe izo nganda zo gukora ibyo binyobwa.
2. Rwanda FDA itegetse ko ibinyobwa byose bikorwa n'izo nganda ziri ku rutonde ruri ku Mugereka wa IV bikurwa ku isoko.
3. Rwanda FDA itegetse abakora ibyo binyobwa guhita babikura ku isoko bakimara kubona iri tangazo.
4. Rwanda FDA itegetse ba nyir'izo nganda guhita basaba abakwirakwiza ibyo binyobwa ku isoko ibi bikurikira:
   - Gukusanya ibyo binyobwa no kubikura ku babiranguye,
   - Gusubiza ibinyobwa byose bisigaye ndetse n'ibyakusanyijwe aho byakorewe.
5. Abakora ibyo binyobwa bategetswe kugeza ku Kigo cy'Igihugu gishinzwe Kugenzura Ibiribwa n'Imiti mu Rwanda raporo y'igikorwa cyo kubikusanya mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uhereye igihe iri tangazo risohokeye.
6. Abakwirakwiza n'abacuruza ibinyobwa biri ku Mugereka wa IV, bategetswe guhita bahagarika kubikwirakwiza no kubigurisha, ndetse bagasubiza ibinyobwa bisigaye ku babibahaye, baba ababikwirakwiza cyangwa ababikora uhereye igihe iri tangazo risohokeye.
7. Kutubahiriza aya mabwiriza bizatuma hafatwa izindi ngamba ziteganywa n'amategeko n'amabwiriza abigenga.
8. Rwanda FDA irasaba abanywa ibi binyobwa biri ku Mugereka wa IV kubihagarika.
9. Ibikorwa byose byamamaza ibinyobwa bisembuye bigaragara ku Mugereka wa I, Umugereka wa II, Umugereka wa III, n'Umugereka wa IV, bigomba guhita bihagarara ndetse n'ibyapa bibyamamaza bigahita bikurwaho aho biherereye hose mu gihugu.

**Icyitonderwa:**
Urutonde rw'izindi nganda zizafatirwa ingamba ruzatangazwa mu gihe gikwiye, uko ibikorwa byo kugenzura iyubahirizwa ry'amabwiriza bigenda bikorwa.

Rwanda FDA ibashimiye uko mwakiriye iri tangazo n'ubufatanye bwanyu mu kuryubahiriza.

## Umugereka wa IV – Urundi rutonde rw'inganda zikora ibinyobwa bisembuye zafunzwe n'ibinyobwa byazo bigomba gukurwa ku isoko

| | Izina ry'uruganda | Ibinyobwa rukora |
|---|---|---|
| 1 | **INNOPRO Ltd** | 1. Umurava Banana Based Alcoholic Beverage<br>2. Umurava Ginger Flavored Alcoholic Drink |
| 2 | **Rwamagana Banana Wine CPC Company Ltd** | 1. SURWA Banana Based Alcoholic Beverage<br>2. SURWA Inkangaza<br>3. SURWA Banana Wine |
| 3 | **Inganzo Flower Drinks Ltd** | Izimano Banana Based Alcoholic Beverages |
| 4 | **ALKO Vintage R Ltd** | 1. DOMPO Wine<br>2. ALTER Wine<br>3. SAINT MERY Wine |
| 5 | **CFRDTA Ltd** | 1. MB Shirinyota Butunda<br>2. MB Shirinyota Inkangaza<br>3. MB Shirinyota Urwagwa<br>4. MB Shirinyota Umutobe Ufunguye |
| 6 | **J.H Production Ltd** | 1. Wema Ginger Flavoured Alcoholic Drink<br>2. Tubonke Ginger Flavoured Alcoholic Drink |
| 7 | **GACELEMUTERI Ltd** | Ibanga Banana Based Alcoholic Beverage |
| 8 | **Urakire Business Center Ltd** | Rinda Ubuzima |
| 9 | **WIPROCO** | 1. Akabego Ginger Flavoured Alcoholic Drink<br>2. Umukunzi Pineapple Alcoholic Drink |
| 10 | **Ibyiwacu Product Ltd** | TEA IS OK (T-ZOK) |
| 11 | **EMEFRA Company Ltd** | 1. Mapokeo Ginger Flavoured Alcoholic Beverage<br>2. Mapokeo Banana Based Alcoholic Beverage |
| 12 | **USALAMA LTD** | Safi Tangawizi Alcoholic Beverage |

**Icyitonderwa:** Ibindi binyobwa byose bisembuye bitagaragara kuri uru rutonde ariko byakozwe n'inganda ziri kuri uru rutonde rwavuzwe haruguru, na byo bigomba gukurwa ku isoko.